**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

| | |
|---|---|
| Urubanza Nº: | MICT-12-23-R14.1 |
| Itariki: | 29 Ukwakira 2025 |
| Umwimerere: | Icyongereza |

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO**

| | |
|---|---|
| **Abacamanza:** | **Vagn Joensen, Perezida**<br>**Claudia Hoefer**<br>**Fatimata Sanou Touré** |
| **Gerefiye:** | **Abubacarr M. Tambadou** |
| **Itariki:** | **29 Ukwakira 2025** |

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FULGENCE KAYISHEMA**

***INYANDIKO ITARI IBANGA***

# ICYEMEZO KU BYIFUZO BYA FULGENCE KAYISHEMA BISABA KO ITEGEKO RYIMURIRA URUBANZA MURI REPUBULIKA Y'U RWANDA RIVANWAHO KANDI AGAHABWA AVOKA WO KUMWUNGANIRA

**Ibiro bya Porokireri**

Serge Brammertz
Laurel Baig

**Abavoka bunganira Fulgence Kayishema**

Philippe Larochelle
Kate Gibson

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO** rw'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo" na "IRMCT", uko bikurikirana)[1];

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 4 Nyakanga 2001, Umucamanza w'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda ("TPIR") yemeje Inyandiko y'ibirego yakorewe Fulgence Kayishema ("Kayishema"), aregwamo icyaha cya jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside, n'itsembatsemba nk'icyaha cyibasiye inyokomuntu[2], maze agatanga Urwandiko rwo gufata rusaba ibihugu byose biri mu Muryango w'Abibumbye gushakisha Kayishema, kumufata no kumushyikiriza TPIR, ku cyicaro cyayo, Arusha, muri Repubulika Yunze Ubumwe ya Tanzaniya[3];

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 22 Gashyantare 2012, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR rwimuriye urubanza rwa Kayishema muri Repubulika y'u Rwanda ("Urugereko rwasuzumye ibyerekeranye no kwimura urubanza" n' "U Rwanda", uko bikurikirana) kugira ngo ruburanishwe n'Urukiko Rukuru rw'icyo gihugu[4];

**RUMAZE KUBONA** Inzandiko zo gufata zatanzwe na TPIR na IRMCT nyuma y'aho urubanza rwa Kayishema rwimuriwe mu Rwanda, zategekaga ibihugu byose biri mu Muryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumwohererereza abayobozi bo mu Rwanda[5];

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 8 Werurwe 2019, nk'ingamba y'agateganyo kandi kugira ngo Kayishema ashobore gufatwa, Umucamanza w'izamu ku Ishami rya IRMCT ry'Arusha ("Umucamanza w'izamu") yatanze Urwandiko rwo gufata rwahinduwe, asaba ibihugu byose biri mu

---

[1] Icyemezo gishyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo kugira ngo rusuzume Icyifuzo cya Fulgence Kayishema gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza muri Repubulika y'u Rwanda kivanwaho, 22 Kanama 2025, paje 1, 2.

[2] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° ICTR-2001-67-I, Inyandiko y'ibirego, 5 Nyakanga 2001; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° ICTR-2001-67-I, Icyemezo ku Cyifuzo cya Porokireri gifite abo kitagomba kumenyeshwa gisaba ko hatangwa itegeko ryo gusaka, gufatira, gufata no kwimura, 4 Nyakanga 2001, paje ya 4.

[3] *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° ICTR-2001-67-I, Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura, 4 Nyakanga 2001, paje 2, 3.

[4] *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° ICTR-01-67-R11*bis*, Icyemezo ku Cyifuzo cya Porokireri gisaba ko urubanza rwimurirwa muri Repubulika y'u Rwanda, 22 Gashyantare 2012 ("Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda"), igika cya 162, paje ya 44.

[5] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° ICTR-00-67-R11*bis*, Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura, 4 Mata 2012, paje 2-4; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, N° MICT-12-23-PT, Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura bigenewe ibihugu byose, 7 Gicurasi 2014, paje ya 1, 2.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Muryango w'Abibumbye gushakisha Kayishema, kumufata no kumushyikiriza Ishami rya IRMCT ry'Arusha[6];

**RWIBUTSA KO**, ku itariki ya 26 Nzeri 2019, rwanze Icyifuzo cya Porokireri wa IRMCT ("Porokireri") gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwa Kayishema mu Rwanda kivanwaho, bitabujije ko cyakongera gutangwa nyuma, maze rukemeza ko ibisabwa mu Rwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura byo mu mwaka wa 2019 bikomeza kubahirizwa kugera igihe hazatangirwa irindi tegeko[7];

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 24 Gicurasi 2023, Kayishema yafatiwe muri Repubulika y'Afurika y'Epfo ("Afurika y'Epfo") hashingiwe ku Rwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura byo mu mwaka wa 2019[8], kandi ko akiri muri icyo gihugu mu gihe hagitegerejwe ko yoherezwa ku Ishami rya IRMCT ry'Arusha hagamijwe ko ahita yoherezwa mu Rwanda[9];

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 11 Mutarama 2025, Kayishema yatanze Icyifuzo gisaba ko iyubahirizwa ry'Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda risubikwa kugira ngo habungabungwe intego y'icyifuzo yateganyaga gutanga gisaba ko itegeko ryimurira urubanza rwe mu Rwanda rivanwaho, maze kuri icyo Cyifuzo akomekaho inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa, kugira ngo ishyigikire ibyo avuga ko aramutse ashyikirijwe Reta y'u Rwanda umutekano we wahungabana ("Inyandiko ya Kayishema, ifite abo itagomba kumenyeshwa, yo ku itariki ya 11 Mutarama 2025")[10];

---

[6] *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo cyihutirwa gisaba ko Urwandiko rwo gufata ruhindurwa, 8 Werurwe 2019 (Inyandiko y'ibanga kandi ifite abo itagomba kumenyeshwa), paje ya 2; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura bigenewe ibihugu byose, 8 Werurwe 2019 ("Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura byo mu mwaka wa 2019"). Reba n'*Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko Urwandiko rwo gufata rukurwa mu rwego rw'inyandiko z'ibanga, 7 Nzeri 2023 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 7 Nzeri 2023"), paje 2, 3.

[7] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo cyihutirwa gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho kikanasaba ko Urwandiko rwo gufata ruhindurwa, 26 Nzeri 2019 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 26 Nzeri 2019"), ibika 7, 9, 11, 12.

[8] Urwandiko rwo gufata n'Itegeko ryo kwimura byo mu mwaka wa 2019, paje ya 1; Icyemezo cyo ku itariki ya 7 Nzeri 2023, paje ya 2. Reba n'*Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-AR53, Icyemezo ku bujurire bwa Porokireri ku Cyemezo ku Cyifuzo gisaba ko hasubirwa mu Cyemezo ku Cyifuzo gisaba ko inyandiko zihindurirwa urwego rw'umutekano, 1 Ukwakira 2024 ("Icyemezo ku bujurire cyo ku itariki ya 1 Ukwakira 2024"), igika cya 3; Icyemezo cyo ku itariki ya 26 Nzeri 2019, igika cya 11.

[9] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo cya Fulgence Kayishema gisaba ko inyandiko zimenyekanishwa kikanasaba ko izindi zihindurirwa urwego rw'umutekano, 28 Kamena 2024, paje ya 4. Reba n'Icyemezo ku bujurire cyo ku itariki ya 1 Ukwakira 2024, igika cya 3.

[10] *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyifuzo gisaba ko ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bikubiye mu Cyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda risubikwa by'igihe gito, 11 Mutarama 2025 (Inyandiko y'ibanga, ifite Umugereka A na wo w'ibanga kandi ufite abo utagomba kumenyeshwa n'Imigereka B-D, na yo y'ibanga) ("Icyifuzo gisaba ko hasubikwa ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bikubiye mu Cyemezo"), ibika 1, 27, 28, Umugereka A. Ku itariki ya 14 Gashyantare 2025, Umucamanza w'izamu yanze Icyifuzo cya Kayishema gisaba ko



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**RUMAZE KUBONA KO**, ku itariki ya 5 Werurwe 2025, Umucamanza w'izamu yatanze Icyemezo cyongerera Kayishema umubare w'amagambo ntarengwa w'icyifuzo ashobora gutanga asaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho[11];

**RUMAZE KUBONA** Ibyifuzo bibiri Kayishema yatanze, ari byo: (i) Icyifuzo cyatanzwe mu nyandiko y'ibanga ku itariki ya 14 Kanama 2025, aho "asaba, mu buryo buteganywa, ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho" hashingiwe ku Ngingo ya 6(6) ya Sitati ya IRMCT ("Sitati") n'Ingingo ya 14(C) y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya IRMCT ("Amategeko")[12]; na (ii) Icyifuzo cyatanzwe ku itariki ya 2 Nzeri 2025, aho asaba ko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rutegeka Gerefiye wa IRMCT ("Gerefiye" cyangwa "Ibiro bya Gerefiye") kumuha avoka uhembwa mu rwego rwa gahunda y'ubufasha mu by'amategeko ya IRMCT, hashingiwe ku Ngingo ya 46 y'Amategeko, kugira ngo amwunganire mu byerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho[13];

**RUMAZE KUBONA KO** Kayishema avuga ko yemerewe gusaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho[14], kandi ko icyo Cyemezo gikwiye kuvanwaho hashingiwe ku "mpamvu z'ibanze" enye[15], ari zo: (i) "kuba, aramutse ashyikirijwe Reta y'u Rwanda, umutekano we wahungabana" ("Impamvu ya 1")[16]; (ii) "kuba inzego za poritike zishobora kubangamira" ubwigenge no kutabogama by'urwego rw'ubutabera bw'u Rwanda ku byerekeranye n'urubanza rwe mu Rwanda ("Impamvu ya 2")[17]; (iii) kuba ntakimwizeza neza ko "uburenganzira bwe bwo kwiregura uko bikwiye butazabangamirwa", hakurikijwe ukuntu inyandiko zerekeranye n'ubugenzuzi bw'imanza zoherejwe mu Rwanda mbere zigaragaza ko Reta y'u Rwanda yivanga, mu buryo butemewe, mu

---

hasubikwa ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bikubiye muri icyo Cyemezo, ashingiye ku kuba Kayishema ataragaragaje ko yendaga koherezwa mu Rwanda cyangwa ko intego y'icyifuzo yateganyaga gutanga asaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho yabangamirwa bikomeye. Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo cya Fulgence Kayishema gisaba ko ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bikubiye mu Cyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda bisubikwa by'igihe gito, 14 Gashyantare 2025 (Inyandiko y'ibanga), paje 4, 5.

[11] *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyemezo ku Cyifuzo cya Kayishema gisaba kongererwa umubare ntarengwa w'amagambo, 5 Werurwe 2025, paje ya 3. Reba n'*Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Icyifuzo gisaba kongererwa umubare ntarengwa w'amagambo, uteganywa, w'ICyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, 24 Gashyantare 2025; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, y'inyandiko y'Ubwunganizi imenyekanisha ko buteganya gusaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, n'Icyifuzo gisaba ko hatumizwa inama ntegurarubanza, 11 Ukwakira 2024.

[12] Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza muri Repubulika y'u Rwanda kivanwaho, 14 Kanama 2025 (Inyandiko y'ibanga; inyandiko itari ibanga yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga yatanzwe ku itariki ya 26 Kanama 2025) ("Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho"), ibika 2, 41.

[13] Icyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ko hashyirwaho avoka wo kunganira Uregwa, 2 Nzeri 2025 ("Icyifuzo gisaba guhabwa avoka"), ibika 1, 28.

[14] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 24, 25.

[15] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 26-28, paje ya 5.

[16] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 29-31.

[17] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 32, 33.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

burenganzira bw'abaregwa bwo kwiregura ("Impamvu ya 3")[18], no (iv) kuba bishoboka ko hataboneka abatangabuhamya bamushinjura "ubwoba, umuntu ashyize mu gaciro asanga bufite ishingiro, bwo kuba bagirirwa nabi mu rwego rwo kubihimuraho", kubera ko batanze ubuhamya bumushinjura ("Impamvu ya 4")[19];

**RUMAZE KUBONA** ibyo Kayishema asaba ko yakwemererwa gutanga "imyanzuro yanditse ya nyuma" kugira ngo atangemo ingingo zirambuye zishyigikira impamvu z'ibanze ashingiraho asaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho[20] akanasaba ko Reta y'u Rwanda n'iy'Afurika y'Epfo zisabwa gutanga ibisubizo byazo[21];

**RUMAZE KUBONA KO**, mu Cyifuzo gisaba guhabwa avoka, mu byo Kayishema avuga harimo ko: (i) Ingingo ya 46 y'Amategeko yemera ko umuntu uregwa agenerwa avoka wo kumwunganira n'iyo yaba atari mu maboko ya IRMCT; (ii) inyungu z'ubutabera zisaba ko Kayishema ahabwa uwo avoka kubera ko umwunganira ku buntu muri iki gihe ntawakwitega ko akomeza kumwunganira "mu bibazo by'urusobe nk'imirimo yerekeranye no kuvanaho Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda, kimaze igihe kirenze imyaka icumi, kandi adafite amikoro"; kandi ko (iii) kutemerwa kw'Icyifuzo cye gisaba guhabwa avoka bibangamiye uburenganzira bwe bwo guhabwa uburyo bukwiye mu gutegura ukwiregura kwe, bikaba binyuranyije n'ihame rivuga ko ababuranyi bagomba guhabwa uburyo bungana[22];

**RUMAZE KUBONA** Ibisubizo Porokireri yatanze ku itariki ya 28 Kanama 2025 n'iya 11 Nzeri 2025, arwanya Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwa Kayishema mu Rwanda kivanwaho n'Icyifuzo gisaba guhabwa avoka, uko bikurikirana[23];

**RUMAZE KUBONA** ibyo Porokireri avuga ko Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwa Kayishema mu Rwanda kivanwaho cyagombye gufatwaho umwanzuro kandi nticyemerwe uko kimeze ubu, kandi ko Kayishema yagombye guhita yoherezwa IRMCT[24] kubera ko: (i) kuvanaho icyemezo bikorwa ari uko ari cyo kintu cyonyine gisigaye gishobora gukorwa kandi "impamvu z'ibanze" Kayishema atanga ku byerekeranye n'ibyo avuga ko hari ubwumvikane bugamije kumwica

[18] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 34, 35.
[19] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 35-37.
[20] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 3, 27, 28, 41.
[21] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 38, 41.
[22] Reba Icyifuzo gisaba guhabwa avoka, ibika 14-27.
[23] Igisubizo cya Porokireri ku Cyifuzo cya Kayishema gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza muri Repubulika y'u Rwanda kivanwaho, 28 Kanama 2025 (Inyandiko y'ibanga; inyandiko itari ibanga yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga yatanzwe ku itariki ya 16 Nzeri 2025) ("Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho"), ibika 1, 15; Igisubizo cya Porokireri ku Cyifuzo cya Kayishema gisaba guhabwa avoka wo kumwunganira, 11 Nzeri 2025 ("Igisubizo ku Cyifuzo gisaba guhabwa avoka"), ibika 1, 7.
[24] Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 1, 15.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

n'ibyo avuga ko yavutswa uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye, bitatangiwe ibimenyetso bibishyigikira, ari ugushakisha kandi bidahagije ngo abe yujuje inshingano yo kugaragaza ko ibigomba kubahirizwa kugira ngo urubanza rwe rwimurirwe mu Rwanda ubu bitacyuzuye kandi ko kuvanaho Icyemezo cyimurira urwo rubanza mu Rwanda ari ngombwa kugira ngo inyungu z'ubutabera zubahirizwe[25]; kandi ko (ii) yashatse gukoresha urubanza mu rukiko rwo muri Afurika y'Epfo no muri IRMCT kugira ngo abangamire igikorwa cyo kumwimura kandi akerereze iburanisha muri izo nkiko zombi, ahanini agamije gutuma IRMCT itabasha gukoresha ububasha bwo kumuburanisha ifite[26];

**RUMAZE KUBONA** ibivugwa na Porokireri ko Icyifuzo gisaba guhabwa avoka kitagomba kwemerwa, kugera Kayishema yemeye ko IRMCT imuburanisha kandi ko kumuha avoka uhembwa na IRMCT wo kumwunganira mu bikorwa byo "gushakisha amakuru" no gukomeza kugerageza gukereza no kubangamira ko IRMCT imuburanisha byaba biciye ukubiri n'inyungu z'ubutabera [27];

**RUMAZE KUBONA KO,** ku itariki ya 2 Nzeri 2025, Kayishema yatanze Imyanzuro isubiza y'ibanga yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyo kwimura urubanza rwe kivanwaho[28], asobanura ingamba zafashwe kubera ibikangisho avuga ko yashyizweho, akanashimangira ko

[25] Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 1, 3, 5-14. Porokireri avuga ko, mu gusuzuma inyungu z'ubutabera, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rugomba kuzirikana kuba haramaze kubaho gukererwa kudasanzwe muri uru rubanza bitewe no kuba Kayishema yari yarahunze ubutabera. Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, igika cya 6. Porokireri avuga ko kuba Kayishema ashingira ku bintu bidafite inyandiko zibishyigikira ku byerekeranye n'ingorane zo kwiregura, bivugwa ko zigaragazwa n'ibikubiye mu nyandiko zerekeranye n'ubugenzuzi bw'imanza zimuriwe mu Rwanda mbere, ari ukwirengagiza ko izo manza zashojwe neza mu Rwanda kandi ko mu bibazo byavuzwe muri izo nyandiko nta na kimwe cyatumye havanwaho ibyemezo byazimuriye mu Rwanda. Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, igika cya 12. Porokireri avuga kandi ko, mu kuvuga ko hari amakuru yizewe ku bivugwa ko hariho ubwumvikane bugamije kumwica, Kayishema ashingira ku Myanzuro y'ibanga yatanzwe mbere, mu nyandiko itagomba kumenyeshwa Porokireri. Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, igika cya 9, igisobanuro Nº 26 cyo hasi kuri paje, havugwa ku biri mu nyandiko ya Kayishema ifite abo itagomba kumenyeshwa yo ku itariki ya 11 Mutarama 2025. Ku itariki ya 23 Nzeri 2025, mu byo Porokireri yasabye harimo ko iyo nyandiko ihindurirwa urwego rw'umutekano maze ikagirwa inyandiko itari ibanga cyangwa, ibyo byaba bitemewe, ikagirwa inyandiko y'ibanga igomba kumenyeshwa ababuranyi bose. Reba Icyifuzo cya Porokireri gisaba ko inyandiko zihindurirwa urwego rw'umutekano, 23 Nzeri 2025 (Inyandiko y'ibanga). Hazatangwa icyemezo kuri icyo kibazo mu gihe gikwiye.

[26] Igisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 3, 4.

[27] Reba Igisubizo ku Cyifuzo gisaba guhabwa avoka, ibika 1-7. Porokireri avuga ko kuba Kayishema yarahawe Avoka wo kumwunganira mu iburanisha muri TPIR ryerekeranye no kwimurira urubanza rwe mu Rwanda, mu gihe yari yarahunze ubutabera, cyari icyemezo kidasanzwe kidashyiraho uburenganzira bushya bwo kugenerwa avoka uhembwa na IRMCT mbere yuko ashyikirizwa IRMCT. Igisubizo ku Cyifuzo gisaba guhabwa avoka, igika cya 2. Porokireri avuga kandi ko Kayishema agamije gukoresha ibimenyetso byakusanyijwe n'avoka uhembwa na IRMCT n'ingingo z'uwo avoka, mu gushyigikira ibyo avuga arwanya ko Afurika y'Epfo ishyira mu bikorwa ibikubiye mu Rwandiko rwo kumufata rwatanzwe na IRMCT. Igisubizo ku Cyifuzo gisaba guhabwa avoka, igika cya 5, ibisobanuro Nº 14-16 byo hasi kuri paje.

[28] Inyandiko y'ibanga, yakuwemo ibitagomba kumenyekana, y'Icyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba uruhushya rwo gutanga imyanzuro isubiza hamwe n'Imyanzuro isubiza ku Gisubizo cya Porokireri ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, 2 Nzeri 2025 (Inyandiko y'ibanga) ("Imyanzuro isubiza yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho"), igika cya 1. Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rusanga Kayishema yarasabye uruhushya rwo gutanga imyanzuro isubiza ku Gisubizo cya Porokireri ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho kandi rurebye uko ibintu biteye, rusanga rukwiye kumuha urwo ruhushya kandi rwemeye iyo Myanzuro nk'iyatanzwe mu buryo bwemewe.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

akomeje kugira impungenge ku mutekano we[29] kandi akavuga ko isuzuma ryerekeranye no kumenya niba ibisabwa kugira ngo urubanza rwimurwe, byashingiweho muri icyo Cyemezo, ritakijyanye n'ukuri n'uko ibintu byifashe ubu[30] ndetse ko iryo suzuma ryerekeranye no kuvanaho icyemezo cyimura urubanza riba risuzuma ibishobora kuba, ni ukuvuga ko riba rigamije gukumira ko hagira ikibangamira uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye aho kuba rigamije kubishakira umuti byamaze kuba[31];

**RUMAZE KUBONA** Imyanzuro ya Porokireri yatanzwe ku itariki ya 9 Ukwakira 2025, asaba uruhushya rwo gutanga Igisubizo cy'inyongera ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho yometseho "Igisubizo, kitari ibanga, cy'Umuyobozi w'Ubushinjacyaha bwa Westwern Cape ku Cyifuzo cya Kayishema gisaba ko kumukurikiranaho icyaha muri Afurika y'Epfo bisubikwa", Porokireri akaba yarabonye iyo nyandiko ku itariki ya 8 Ukwakira 2025[32];

**RUMAZE KUBONA KO** Porokireri avuga ko Inyandiko y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo, ikozwe hejuru y'indahiro, igaragaza ibivugwa na Porokireri ko abayobozi bo muri Afurika y'Epfo basanze nta kintu kibangamiye umutekano wa Kayishema[33] kubera ko, mu gusoza iyo Nyandiko, Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo avuga ko "bisa n'ibidashoboka rwose'' ko hagira ikibangamira ubuzima bwe, ko ingamba Urwego rushinzwe abafungwa muri Afurika y'Epfo rwafashe hagamijwe kubungabunga umutekano wa Kayishema ari ingamba zisanzwe ziba zigamije kugabanya ibibazo bishobora kuvuka, ko iperereza ryakozwe nyuma ryagaragaje ko amakuru yerekeranye n'ibyo bibazo "yakomotse ahantu hatizewe bityo akaba nta shingiro afite", ko "Urwego rushinzwe iperereza ku byaha rukeka cyane ko ibyo bibazo bishobora kuba byarahimbwe n'abantu bafite indi migambi", kandi ko ubu Kayishema "afunzwe mu buryo busanzwe";[34]

---

[29] Reba Imyanzuro isubiza yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 3-6.

[30] Imyanzuro isubiza yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, igika cya 8 (Aho Kayishema avuga ko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rudasabwa kongera gusuzuma niba ibisabwa kugira ngo urubanza rwimurwe byari byuzuye mu mwaka wa 2012, ahubwo ko rusabwa gusuzuma niba muri iki gihe byuzuye). Reba n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyo kwimura urubanza kivanwaho, igika cya 26.

[31] Imyanzuro isubiza yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 9, 10.

[32] Icyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo gutanga igisubizo cy'inyongera ku Cyifuzo cya Kayishema gisaba ko Icyemezo cyo kwimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, 9 Ukwakira 2025 ("Igisubizo cy'inyongera"), ibika 1, 2, Umugereka (Ukubiyemo Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro, ikubiyemo igisubizo, y'Umushinjacyaha wa Western Cape ("Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo") yatanzwe mu Rukiko Rukuru rw'Afurika y'Epfo ku itariki ya 26 Nzeri 2025, mu rubanza rwerekeranye n'Inyandiko isaba ko Kayishema yoherererezwa IRMCT ("Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo")). Kubera akamaro k'amakuru mashya akubiye mu Gisubizo cy'inyongera, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rusanga rukwiye kwemera Icyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo gutanga Igisubizo cy'inyongera no kwemera icyo Gisubizo nk'icyatanzwe mu buryo bwemewe.

[33] Igisubizo cy'inyongera, igika cya 2, havugwa ku biri mu Gisubizo ku Cyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, igika cya 9.

[34] Igisubizo cy'inyongera, igika cya 2, havugwa ku biri mu Nyandiko, ikozwe hejuru y'indahiro, y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo, paje ya 8, ibika 30, 31, 38-40. Porokireri avuga kandi ko Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rukwiye kwibutsa Afurika y'Epfo inshingano yayo itagibwaho impaka, iteganywa n'amategeko mpuzamahanga, yo guhita yohereza Kayishema muri IRMCT". Reba Igisubizo cy'inyongera, igika cya 4.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**RUSHINGIYE KU** Ngingo ya 6(6) ya Sitati, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, rubisabwe na Porokireri cyangwa rubyibwirije kandi rumaze kumva icyo abayobozi b'igihugu bireba babivugaho, rushobora kuvanaho itegeko ryimurira urubanza mu gihugu ryatanzwe na TPIR, "iyo bigaragara ko ibisabwa kugira ngo rwimurirwe mu gihugu bitacyuzuye kandi kurivanaho biri mu nyungu z'ubutabera"[35];

**RUMAZE KUBONA KO**, iyo ibibazo bisuzumwa byerekeranye no kuburanisha urubanza mu buryo buboneye, Ingereko za Mbere z'Iremezo ziba zifite ububasha busesuye bwo gusuzuma ibyifuzo bitanzwe, mu buryo butaziguye, n'abaregwa, bisaba ko ibyemezo byimuye imanza zabo bivanwaho[36];

**RUMAZE KUBONA KO** rufite ububasha busesuye bwo gusuzuma icyo Cyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimura urubanza kivanwaho kubera ko cyerekeranye n'ibibazo birebana no kuburanisha, mu buryo buboneye, urubanza rwa Kayishema ruzabera mu Rwanda;

**RWIBUTSA KO,** nk'uko biteganywa na Sitati, urubanza nk'uru rwagombye kuburanishwa n'urukiko rw'igihugu [37], ko kuvanaho itegeko ryimurira urubanza mu gihugu runaka hashingiwe ku Ngingo ya 6(6) ya Sitati ari uburyo bwifashishwa nyuma hagamijwe gukumira ibibazo, atari "igisubizo ku bibazo byose"[38] kandi ko inshingano y'ibanze ya IRMCT ari iyo gusuzuma niba ibisabwa byose kugira ngo urubanza ruburanishwe neza mu rukiko rw'igihugu bitacyuzuye aho kuba iyo gukora nk'urwego rwigenga rujuririrwa imanza ziburanishwa n'inkiko z'ibihugu[39];

**RUMAZE KUBONA KO** gusuzuma niba kuvanaho icyemezo cyimurira urubanza bikwiye bisaba, byanze bikunze, kuzirikana niba hari ubundi buryo bushoboka bwo gukemura ibibazo byose bigaragara mu iburanisha mu rw'iremezo no mu bujurire mu rubanza ruburanishwa n'urukiko rw'igihugu[40].

**RUSHINGIYE KANDI KU** Ngingo ya 46 y'Amategeko iteganya ko rushobora gutegeka Gerefiye gushyiraho avoka wo kunganira umuntu uregwa iyo rwemeje ko biri mu nyungu z'ubutabera kandi

---

[35] Reba n'Ingingo ya 14(C) y'Amategeko.
[36] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Radovan Stanković*, Nº MICT-13-51, Icyemezo ku bujurire bwa Stanković ku Cyemezo cyanga kuvanaho Icyemezo cyimurira urubanza mu gihugu no ku Cyifuzo cya Porokireri gisaba kongererwa igihe cyo gutanga Igisubizo, 21 Gicurasi 2014, igika cya 8 n'ibisobanuro byo hasi kuri paje byerekeranye na cyo.
[37] Icyemezo cyo ku itariki ya 26 Nzeri 2019, igika cya 9; Ingingo ya 1(3) n'iya 6(1) za Sitati.
[38] Reba Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, igika cya 157. Reba n'*Urubanza Porokireri aburana na Jean Uwinkindi*, Nº MICT-12-25-R14.1, Icyemezo ku Cyifuzo cy'Uwinkindi gisaba ko Icyemezo kivanwaho, 22 Ukwakira 2015 ("Icyemezo mu rubanza rw'Uwinkindi, 22 Ukwakira 2015"), igika cya 9.
[39] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Jean Uwinkindi*, Nº MICT-12-25-AR14.1, Icyemezo ku bujurire bwerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, 4 Ukwakira 2016 ("Icyemezo mu rubanza rw'Uwinkindi, 4 Ukwakira 2016"), igika cya 12; Icyemezo mu rubanza rw'Uwinkindi, 22 Ukwakira 2015, igika cya 9.
[40] Reba Icyemezo mu rubanza rw'Uwinkindi, 4 Ukwakira 2016, igika cya 13.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

ko rufite ububasha busesuye mu gusuzuma, rushingiye ku miterere ya buri rubanza, niba hari impamvu zatuma biba ngombwa ko hashyirwaho avoka[41], n'iyo uregwa adafunzwe na IRMCT[42];

**RUMAZE KUBONA KO,** nyuma yo gusuzuma birambuye ibintu birimo amategeko y'u Rwanda, uko ibihano bisumbana, impungenge zerekeranye no kuburanisha imanza mu buryo buboneye, ubwigenge no kutabogama k'urwego rw'ubutabera, kuba hazaboneka abatangabuhamya no kuba bazarindirwa umutekano mu Rwanda no hanze yarwo, hamwe n'uburenganzira bwo kunganirwa uko bikwiye[43], Urugereko rwashyizweho kugira ngo rusuzume niba urubanza rwa Kayishema rukwiye kwimurirwa mu Rwanda rwasanze, ruramutse rwimuriwe mu Rwanda, rwaburanishwa "hakurikijwe ibigenderwaho mu rwego mpuzamahanga mu kuburanisha urubanza mu buryo buboneye biteganywa muri Sitati ya TPIR no mu zindi nyandiko zerekeranye n'uburenganzira bwa muntu"[44] kandi rwemeye kwimurira urwo rubanza mu Rwanda rumaze kubona ko hazashyirwaho uburyo buhamye bwo kugenzura imigendekere yarwo ku buryo haramutse habayeho kubangamira mu buryo bukomeye uburenganzira bwa Kayishema bwo kuburanishwa mu buryo buboneye, IRMCT yahita ibimenyeshwa[45];

**RUMAZE KUBONA KO** Kayishema atashyikirijwe IRMCT nk'uko byasabwe mu Rwandiko rwo gufata no mu Itegeko ryo kwimura byo mu mwaka wa 2019 kandi ko iburanisha ry'urubanza rwe mu Rwanda ritaratangira;

**RUMAZE KUBONA KO** ibivugwa na Kayishema, mu buryo bwa rusange, mu mpamvu 2 – 4, mu Cyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimura urubanza kivanwaho, ko urwego rw'ubutabera rwo mu

---

[41] Nk'urugero, reba *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-AR80.3, Icyemezo ku bujurire ku kindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 7 Kanama 2023, igika cya 58 n'ibisobanuro byo hasi kuri paje byerekeranye na cyo; *Urubanza Porokireri aburana na Jadranko Prlić na bagenzi be*, Nº IT-04-74-A, Icyemezo ku Cyifuzo cya Praljak gisaba ko urubanza ruhagarikwa burundu, 27 Kamena 2014, igika cya 12.

[42] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº ICTR-01-67-R11*bis*, Itegeko ryo gushyiraho avoka, 27 Nyakanga 2011, ibika 4-7 (Aho, ku byerekeranye n'Ingingo ya 45 *quater* y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso ya TPIR ("Amategeko ya TPIR"), ihwanye n'Ingingo ya 46 y'Amategeko, Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rwa TPIR rwemeje ko, hashingiwe ku Ngingo ya 2(A) y'Amategeko ya TPIR, "umuntu uregwa" ari umuntu "ukurikiranyweho icyaha kimwe cyangwa ibyaha bikubiye mu Nyandiko y'ibirego yemejwe hashingiwe ku Ngingo ya 47" y'Amategeko ya TPIR kandi atari ngombwa ko uregwa aba ari mu maboko y'Urukiko kugira ngo ibiteganywa n'Ingingo ya 45 *quarter* y'Amategeko ya TPIR bikurikizwe"); *Urubanza Porokireri aburana na Charles Sikubwabo*, Nº ICTR-95-1D-R11*bis*, Itegeko ryo gushyiraho avoka, 27 Nyakanga 2011, ibika 4-7; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº ICTR-01-67-I, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko Icyifuzo gisaba guhabwa avoka cyoherezwa ahandi, 2 Gicurasi 2008, igika cya 8. Reba *Urubanza Porokireri aburana na Gérard Ntakirutimana*, Nº MICT-12-17-R, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba guhabwa Avoka, 4 Nyakanga 2018, ibika 1, 2, 5, 7, 9 (Aho Urugereko rw'Ubijurire rwa IRMCT rwemeye Icyifuzo gisaba guhabwa Avoka uhembwa na IRMCT kugira ngo afashe mu gutegura Icyifuzo, cy'umuntu wahamwe n'icyaha warangije igihano cye kandi utakiri mu maboko ya IRMCT, gisaba ko imikirize y'urubanza isuburwamo).

[43] Reba Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, ibika 17-142.

[44] Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, igika cya 163.

[45] Reba Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, igika cya 163. Reba n'Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, ibika 148-156.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

Rwanda rutarangwa no kutabogama, ko nta ngamba zikwiye zo kubahiriza uburenganzira bwe bwo kunganirwa mu buryo bukwiye zihari kandi ko ashobora kutazabona abantu bashobora kuba abatangabuhamya bashinjura ubu ari igitekerezo kidashingiye ku bintu bifatika, ari ugushakisha kandi bidashobora kugaragaza ko ibisabwa kugira ngo urubanza ruburanishwe mu buryo buboneye mu Rwanda, nk'uko byasuzumwe mu buryo bwimbitse mu Cyemezo cyimurira urubanza muri icyo gihugu bitacyuzuye[46];

**RUMAZE KUBONA KANDI KO** hashyizweho umugenzuzi muri uru rubanza[47], ko Kayishema namara kwimurirwa mu Rwanda n'urubanza rwe rumaze gutangira, uburenganzira bwe bwo kuburanishwa mu buryo buboneye buzabungwabungwa binyuze muri gahunda y'igenzura yashyizweho muri icyo Cyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda[48] kandi ko uburenganzira bwo kuburanishwa mu buryo buboneye buramutse butubahirijwe ashobora gusaba indihano zitangwa mu Rwanda no muri IRMCT, nk'uburyo bwa nyuma bushoboka[49];

**RUMAZE KUBONA RERO KO** Impamvu 2 – 4 z'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho zidakwiye kwemerwa kandi ko gushyiraho avoka ku byerekeranye n'izo Mpamvu hashingiwe ku Ngingo ya 46 y'Amategeko bitari mu nyungu z'ubutabera;

**RUMAZE KUBONA KO**, mu Mpamvu ya 1 y'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, Kayishema avuga ko yibasirwa "n'ibikorwa bya Reta y'u Rwanda bibangamira umutekano n'umudendezo bye", ko Urukiko Rukuru rw'Afurika y'Epfo rwategetse abayobozi bo muri icyo gihugu gutanga imyanzuro kuri icyo kibazo kandi ko ibyo bikorwa akorerwa bisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza rwe mu Rwanda kivanwaho maze akoherezwa muri IRMCT[50];

---

[46] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 26-37, paje ya 5. Nk'urugero, reba *Urubanza Porokireri aburana na Jean Uwinkindi*, Nº MICT-12-25, Icyemezo ku Cyifuzo gisaba ko Itegeko ryimurira urubanza mu Rwanda rivanwaho, 12 Werurwe 2014, paje ya. 3; *Urubanza Porokireri aburana na Bernard Munyagishari*, Nº MICT-12-20, Icyemezo ku Cyifuzo cya 2 gisaba ko Itegeko ryimurira urubanza mu Rwanda rivanwaho, 26 Kamena 2014, paje ya 3; *Urubanza Porokireri aburana na Bernard Munyagishari*, Nº MICT-12-20, Icyemezo ku Cyifuzo cya 3 gisaba ko Itegeko ryimurira urubanza mu Rwanda rivanwaho, 8 Mata 2015, paje 3, 4 (Aho Perezida wa IRMCT yanze Icyifuzo gisaba ko Itegeko ryimurira urubanza mu Randa rivanwaho kubera ko "cyatanzwe igihe kitaragera kugira ngo kibe cyasuzumwa nka kimwe mu bisabwa hashingiwe ku Ngingo ya 6(6) ya Sitati" kubera ko ibibazo byerekeranye no kuburanisha urubanza mu buryo buboneye byari bikirimo gusuzumwa mu Rwanda kandi bishobora kujuririrwa mu nkiko).

[47] Reba *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23-PT, Itegeko rishyiraho Umugenzuzi, 17 Nyakanga 2024, paje ya 1; *Urubanza Porokireri aburana na Fulgence Kayishema*, Nº MICT-12-23, Itegeko rishyiraho Umugenzuzi, 18 Mata 2024, paje ya 1.

[48] Reba Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, ibika 153-156, 163, paje ya 44.

[49] Reba Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda, ibika 157-159.

[50] Reba Icyifuzo gisaba ko Icyemezo kivanwaho, ibika 29-31, igisobanuro Nº 30 cyo hasi kuri paje, Umugereka A (Ukubiyemo Itegeko ry'Urukiko Rukuru rwa Western Cape, muri Afurika y'Epfo, cyo ku itariki ya 29 Nyakanga 2025. Mu byo gitegeka Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo gukora harimo no gutanga, bitarenze tariki ya 26 Nzeri 2025, Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro yerekeranye n'ibibazo bivugwa birebana n'umutekano wa Kayishema, kandi ko



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**RUMAZE KUBONA KO** Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo, yometse ku Gisubizo cy'inyongera cya Porokireri ivuga, by'umwihariko, ku bivugwa ko hari ibikorwa bya Reta y'u Rwanda byibasira ubuzima bwa Kayishema[51];

**RUMAZE KUBONA KO**, mbere yo gufata icyemezo ku mpamvu ya 1 y'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, byarufasha kubanza kumva icyo Reta y'Afurika y'Epfo ivuga, by'umwihariko ku bivugwa mu mpamvu ya 1 y'icyo Cyifuzo, ku nyandiko ya Kayishema, ifite abo itagomba kumenyeshwa, yo ku itariki ya 11 Mutarama 2025 no ku makuru yatanzwe mu Gisubizo cy'inyongera cya Porokireri, by'umwihariko, akubiye mu Nyandiko, ikozwe hejuru y'indahiro, y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo[52];

**RUMAZE KUBONA KO** kwemerera Kayishema gushyikiriza IRMCT ibisubizo ku Nyandiko, ikozwe hejuru y'indahiro, y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo yatanzwe mu rubanza ruburanishwa muri Afurika y'Epfo, niba abyifuza, byaba bikwiye[53];

**RUMAZE KUBONA KO** atari ngombwa kwemerera Kayishema gutanga "imyanzuro ya nyuma" ku mpamvu ya 1 y'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho kandi ko kwemera ko kumwerera guhabwa avoka wo kumwunganira ku byerekeranye n'impamvu ya 1, hashingiwe ku Ngingo ya 46 y'Amategeko, bitaba biri mu nyungu z'ubutabera;

**KUBERA IMPAMVU ZIMAZE KUVUGWA,**

**RWEMYE** Icyifuzo cya Kayishema gisaba uruhushya rwo gutanga imyanzuro isubiza kandi **RWEMEYE** Imyanzuro isubiza yerekeranye n'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho nk'iyatanzwe mu buryo bwemewe;

**RWEMYE** Icyifuzo cya Porokireri gisaba uruhushya rwo gutanga igisubizo cy'inyongera kandi **RWEMEYE** icyo Gisubizo cye nk'icyatanzwe mu buryo bwemewe;

**NTIRWEMEYE** Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho ku byerekeranye n'impamvu 2-4 z'icyo Cyifuzo;

**NTIRWEMEYE** Icyifuzo gisaba guhabwa avoka, cyose uku cyakabaye;

---

Kayishema "ashobora gutanga, bitarenze tariki ya 31 Ukwakira 2025, izindi nyandiko zikozwe hejuru y'indahiro zisubiza, harimo n'ibimenyetso byaba byaratanzwe muri IRMCT").

[51] Reba Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro ya Porokireri w'Afurika y'Epfo, ibika 24-40.

[52] Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo rusanga igihe cyo gusaba Reta y'u Rwanda gutanga imyanzuro hashingiwe ku Ngingo ya 6(6) ya Sitati kitaragera.

[53] Reba haruguru, igisobanuro N° 50 cyo hasi kuri paje.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**RUTEGETSE** Ibiro bya Gerefiye guha Reta y'Afurika y'Epfo kopi y'Icyifuzo gisaba ko Icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, iki Cyemezo, Igisubizo cy'inyongera n'inyandiko ya Kayishema, ifite abo itagomba kumenyeshwa, yo ku itariki ya 11 Mutarama 2025;

**RUSABYE** Reta y'Afurika y'Epfo gutanga imyanzuro, niba ihari, mu minsi itarenze 21 ibarwa uhereye ku itariki izabonera iki Cyemezo n'inyandiko zerekeranye n'Impamvu ya 1 y'Icyifuzo gisaba ko icyemezo cyimurira urubanza mu Rwanda kivanwaho, hamwe n'amakuru akubiye mu nyandiko ya Kayishema, ifite abo itagomba kumenyeshwa, yo ku itariki ya 11 Mutarama 2025, Igisubizo cy'inyongera cya Porokireri hamwe n'Inyandiko ikozwe hejuru y'indahiro, y'Umushinjacyaha w'Afurika y'Epfo;

**RUSABYE** Reta y'Afurika y'Epfo kubungabunga umutekano w'inyandiko zizatangwa hashingiwe kuri iki Cyemezo no gukomeza kuzifata nk'inyandiko z'ibanga na/cyangwa inyandiko zifite abo zitagomba kumenyeshwa; kandi

**RUZAKOMEZA** gukurikirana icyo kibazo.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 29 Ukwakira 2025,

Arusha, muri Tanzaniya

Vagn Joensen
Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT